3° icyiciro cya III kigizwe n'ibinyabuzima biregarega, biri ku mugereka wa III w'iri tegeko. Iteka rya Minisitiri rishobora kuvugurura urutonde rw'ibinyabuzima byo mu gasozi biri ku mugereka wa I, uwa II n'uwa III y'iri tegeko. <u>UMUTWE WA II: AHANTU HABUNGABUNZWE N'AHANTU HAKOMYE</u> <u>Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'ahantu habungabunzwe</u> Iteka rya Minisitiri rishyiraho ahantu habungabunzwe rikanagenda uburyo bikorwa. <u>Ingingo ya 6: Ishyirwaho ry'ahantu hakomye</u> Ahantu hakomye hashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.	3° category III is composed of vulnerable species, found in Annex III of this Law. A Ministerial Order may update the list of protected wildlife species in Annexes I, II and III of this Law. <u>CHAPTER II: CONSERVATION AND PROTECTED AREAS</u> <u>Article 5: Establishment of a conservation area</u> A Ministerial Order establishes a conservation area and determines modalities for its conservation. <u>Article 6: Establishment of a protected area</u> A protected area is established in accordance with relevant laws.	3° la catégorie III est composée des espèces vulnérables, figurant à l'annexe III de la présente loi. Un Arrêté Ministériel peut réviser la liste des espèces de faune et de la flore sauvages protégées figurant aux annexes I, II et III de la présente loi. <u>CHAPITRE II: AIRES DE CONSERVATION ET AIRES PROTÉGÉES</u> <u>Article 5: Création d'une aire de conservation</u> Un Arrêté Ministériel établit une aire de conservation et détermine les modalités de sa conservation. <u>Article 6: Création d'une aire protégée</u> Une aire protégée est établie conformément aux dispositions légales en la matière.
--	---	---

<u>Ingingo ya 7: Pariki y'Igihugu n'icyanya kamere ntayegayezwa</u> Pariki y'Igihugu n'icyanya kamere ntayegayezwa bigenzurwa na Leta kandi imbago zabyo ntizishobora guhinduka cyangwa ngo ubutaka bwabyo buhererekanywe, keretse hakurikijwe amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 8: Imikoreshereze y'ubutaka bw'ahantu hakomye</u> Uwahawe uruhushya rwo gukoresha ubutaka bw'ahantu hakomye, arukoresha akurikije ibiteganywa n'amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 9: Ibikorwa bibujijwe gukorerwa ahantu hakomye</u> Ibikorwa bikurikira bibujijwe gukorerwa ahantu hakomye, uretse mu gihe byatangiwe uruhushya: 1° ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri; 2° ubuhinzi cyangwa ubworozi; 3° gutaburura ibyatabwe mu butaka cyangwa ubushakashatsi bw'ibyo	<u>Article 7: National park and strict nature reserve</u> A national park and a strict nature reserve are controlled by the State and their boundaries cannot be altered or any portion alienated, except in accordance with relevant laws. <u>Article 8: Land use in a protected area</u> Protected area land use permit holder uses it in conformity with the provisions of relevant laws. <u>Article 9: Activities prohibited in a protected area</u> The following activities are prohibited in a protected area, except when authorized: 1° mining and quarrying; 2° farming; 3° excavation or prospecting, drilling, or construction;	<u>Article 7: Parc national et réserve naturelle intégrale</u> Un parc national et une réserve naturelle intégrale sont contrôlés par l'État et leurs limites ne peuvent être modifiées ni une portion de leur surface ne peut être aliénée, sauf en conformité avec les dispositions légales en la matière. <u>Article 8: Exploitation des terres d'une aire protégée</u> Le titulaire d'un permis d'utilisation des terres d'une aire protégée en utilise conformément aux dispositions légales en la matière. <u>Article 9: Activités interdites dans une aire protégée</u> Les activités suivantes sont interdites dans une aire protégée, sauf lorsqu'elles sont autorisées : 1° exploitation minière et de carrières; 2° agriculture; 3° fouille ou prospection, sondage, ou construction;
---	--	---

mu butaka, gupfumura cyangwa kubaka; 4° gukora ubushakashatsi; 5° gukambika no kugurutsa indege ku butumburuke bwo hasi; 6° ibindi bikorwa byagaragara ko byangiza ahantu hakomye. UMUTWE WA III: INZEGO ZISHINZWE GUCUNGA URUSOBE RW'IBINYABUZIMA <u>Ingingo ya 10:</u> Inzego zishinzwe gucunga urusobe rw'ibinyabuzima Inzego zishinzwe gucunga urusobe rw'ibinyabuzima ni izi zikurikira: 1. Ikigo; 2. Komite ngishwanama mu bya siyansi ku byerekeye urusobe rw'ibinyabuzima ; 3. urundi rwego rwagenwa n'amategeko abigenga.	4° carrying out scientific research; 5° camping and flying an aircraft over at low altitude; 6° any other activity that may be found destructive to a protected area. CHAPTER III: ORGANS IN CHARGE OF BIOLOGICAL DIVERSITY MANAGEMENT <u>Article 10:</u> Organs in charge of management of biological diversity The organs in charge of biological diversity management are the following: 1. The Authority; 2. Science Advisory committee for biological diversity; 3. any other organ as may be determined by relevant laws;	4° faire des recherches scientifiques; 5° camper et survoler à une basse altitude ; 6° toute autre activité pouvant être jugée destructrice pour une aire protégée. CHAPITRE III: ORGANES CHARGÉS DE LA GESTION DE LA DIVERSITÉ BIOLOGIQUE <u>Article 10:</u> Organes chargés de la gestion de la diversité biologique Les organes chargés de la gestion de la diversité biologique sont les suivants : 1. L'Office; 2. Le Comité consultatif scientifique pour la diversité biologique ; 3. tout autre organe pouvant être déterminé par les dispositions légales en la matière.
---	---	---

<u>Ingingo ya 11: Inshingano z'Ikigo mu birebana no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, Ikigo gifite inshingano zikurikira: 1° gucunga no kugenzura urusobe rw'ibinyabuzima n'umutungo ukomoka ku binyabuzima byo mu gasozi; 2° gushyira mu bikorwa politiki zerekeranye n'urusobe rw'ibinyabuzima n'ibinyabuzima byo mu gasozi; 3° gushyiraho amabwiriza no kugenzura ubucuruzi mu byerekeranye n'ibinyabuzima byo mu gasozi; 4° guhuza ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga ku rusobe rw'ibinyabuzima no ku binyabuzima byo mu gasozi; 5° gutanga impushya n'ibyemezo byo gukora ibikorwa byemewe;	<u>Article 11: Responsibilities of the Authority for biological diversity conservation</u> Without prejudice to the provisions of other laws, the Authority has the following responsibilities: 1° to manage and control biological diversity and wildlife resources; 2° to implement biological diversity and wildlife policies; 3° to regulate and control trade in wildlife; 4° to coordinate implementation of treaties and agreements on biological diversity and wildlife; 5° to issue permits and certificates for authorised activities;	<u>Article 11 : Attributions de l'Office en matière de conservation de la diversité biologique</u> Sans préjudice des dispositions des autres lois, l'Office a les attributions suivantes : 1° gérer et contrôler la diversité biologique et les ressources de la faune et de la flore; 2° mettre en œuvre des politiques sur la diversité biologique et sur la faune et la flore sauvages; 3° réglementer et contrôler le commerce des produits de la flore et la faune sauvages; 4° coordonner la mise en œuvre des traités et accords sur la diversité biologique et sur la flore et la faune sauvages; 5° délivrer des permis et certificats pour des activités autorisées;
--	---	--

Official Gazette n° Special of 11/11/2021

6° kwita ku mutekano w'ahantu hakomye n'uw'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima;	6° to ensure security in protected areas and ecosystems;	6° assurer la sécurité dans les aires protégées et dans l'écosystème;
7° gukusanya umusaruro w'ibikomoka ku rusobe rw'ibinyabuzima no ku binyabuzima byo mu gasozi;	7° to collect revenue generated from biological diversity and wildlife resources;	7° collecter les revenus générés par les ressources de la diversité biologique et la flore et la faune sauvages;
8° gushyiraho ingamba z'ubufatanye bw'umuryango mu kubungabunga no gusaranganya ibikomoka ku rusobe rw'ibinyabuzima no ku binyabuzima byo mu gasozi;	8° to develop mechanisms for community involvement in conservation and benefit sharing from biological diversity and wildlife resources;	8° développer des mécanismes d'implication de la communauté dans la conservation et le partage des ressources de la diversité biologique et de la flore et la faune sauvages;
9° kugira inama Leta ku bibazo byerekeranye na politiki, ingamba n'amategeko mu bijyanye n'urusobe rw'ibinyabuzima n'ibinyabuzima byo mu gasozi;	9° to advise the Government on matters pertaining to biological diversity and wildlife policy, strategy and legislation;	9° conseiller le Gouvernement sur les questions relatives à la politique, la stratégie et à la législation en matière de la diversité biologique et de la faune et la flore sauvages;
10° kugena santeri y'ubutabazi imwe cyangwa nyinshi ku binyabuzima ndangasano bizima byafatiriwe n'ibyambuwe.	10° to designate one or more rescue centres for seized and confiscated living specimens;	10° désigner un ou plusieurs centres de secours pour les spécimens vivants saisis et confisqués ;
11° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.	11° to impose administrative fines;	11° imposer des amendes administratives ;

<u>Ingingo ya 12: Komite ngishwanama mu bya siyansi ku byerekeye urusobe rw'ibinyabuzima</u> Iri tegeko rishyizeho Komite ngishwanama mu bya siyansi ku byerekeye urusobe rw'ibinyabuzima. Iteka rya Minisitiri rigena abayigize, inshingano n'imikorere byayo. <u>UMUTWE WA IV: KURINDA NO KUBUNGABUNGA URUSOBE RW'IBINYABUZIMA</u> <u>Icyiciro cya mbere: Kurinda no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima n'indiri zarwo</u> <u>Ingingo ya 13: Kurinda no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima</u> Umuntu wese afite inshingano yo kurinda, kurengera, kubungabunga no guteza imbere urusobe rw'ibinyabuzima.	<u>Article 12: Science Advisory Committee for biological diversity</u> This Law establishes the Science Advisory Committee for biological diversity. An Order of the Minister determines the composition, responsibilities and functioning of the Committee. <u>CHAPTER IV: PROTECTION AND CONSERVATION OF BIOLOGICAL DIVERSITY</u> <u>Section one: Protection and conservation of biological diversity and its habitats</u> <u>Article 13: Protection and conservation of biological diversity</u> Every person has the duty to defend, protect, conserve and promote the biological diversity.	<u>Article 12: Comité consultatif scientifique pour la diversité biologique</u> Il est créé par la présente loi, le Comité consultatif scientifique pour la diversité biologique. Un Arrêté ministériel détermine la composition, les attributions et le fonctionnement du Comité. <u>CHAPITRE IV: PROTECTION ET CONSERVATION DE LA DIVERSITÉ BIOLOGIQUE</u> <u>Section première : Protection et conservation de la diversité biologique et de ses habitats</u> <u>Article 13: Protection et conservation de la diversité biologique</u> Toute personne a le devoir de défendre, protéger, préserver et promouvoir la diversité biologique.
--	---	--

<u>Ingingo ya 14: Kwinjiza mu gihugu ikinyabuzima cy'igicirirano</u> Kwinjiza mu gihugu ikinyabuzima cy'igicirirano birabujijwe. Icyakora, Ikigo gishobora gutanga uruhushya rwo kwinjiza mu gihugu ikinyabuzima cy'igicirirano ku mpamvu yo kugikoraho ubushakashatsi, kukibungabunga cyangwa ku zindi mpamvu habanje gusuzumwa ingaruka ku rusobe rw'ibinyabuzima. Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo uruhushya ruvugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo rutangwe.	<u>Article 14: Introduction of alien species into the country</u> Introducing an alien species into the country is prohibited. However, the Authority may issue a permit for introduction of alien species into the country for purposes of research, conservation or for such other reasons upon prior impact assessment on biological diversity. An Order of the Minister determines the requirements of issuance of the permit referred in Paragraph 2 of this Article.	<u>Article 14: Introduction d'une espèce exotique dans le pays</u> Il est interdit d'introduire dans le pays une espèce exotique. Toutefois, l'Office peut octroyer le permis d'introduire dans le pays une espèce exotique pour des fins de recherche, de conservation ou de toute autre raison moyennant une étude d'impact préalable sur la diversité biologique. Un Arrêté ministériel détermine les conditions d'octroi du permis visé à l'alinéa 2 du présent article.
<u>Ingingo ya 15: Urutonde rw'ibinyabuzima by'ibyaduka</u> Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'ibinyabuzima by'ibyaduka. Urwo rutonde ruvugururwa buri myaka itanu (5) n'igihe cyose bibaye ngombwa.	<u>Article 15: List of invasive species</u> A Ministerial Order establishes the list of invasive species. This list is reviewed every five (5) years and whenever necessary.	<u>Article 15: Liste des espèces envahissantes</u> Un Arrêté ministériel établit la liste des espèces envahissantes. Cette liste est révisée tous les cinq (5) ans et chaque fois que de besoin.

<u>Ingingo ya 16</u> : Ibikorwa birebana n'ibinyabuzima by'ibiyaduka byashyizwe ku rutonde Igikorwa cyose gifitanye isano n'ibinyabuzima by'ibiyaduka cyangwa ibinyabuzima ndangasano byabyo byashyizwe ku rutonde kirabujijwe, keretse iyo cyatangiwe uruhushya. Uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rutangwa gusa ari uko habanje gusuzumwa ingaruka z'igikorwa giteganyijwe. <u>Ingingo ya 17</u> : Inshingano yo kurwanya ikinyabuzima cy'icyaduka Umuntu ufite uruhushya ruvugwa mu ngingo ya 16 y'iri tegeko yubahiriza ibisabwa muri urwo ruhushya. Umuntu ufite ubutaka bukagaragaraho ikinyabuzima cy'icyaduka ahita abimenyesha Ikigo mu nyandiko cyangwa mu bundi buryo bwose bushoboka. Ikigo gifata ingamba zo guhagarika cyangwa kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibiyaduka no kubibuza gusakara kandi kigakora ibishoboka byose mu kugabanya	<u>Article 16</u>: Activities involving listed invasive species Any activity involving listed invasive species or their specimens is prohibited, unless it is authorised. The permit referred to in Paragraph One of this Article is only issued upon wildlife impact assessment of the intended activity. <u>Article 17</u>: Obligation to combat invasive species A person holding the permit provided for in Article 16 of this Law complies with requirements provided in the permit. The owner of land on which an invasive species is found, informs the Authority in writing or by any other possible means immediately. The Authority puts in place measures to contain, eradicate and prevent invasive species from spreading while minimizing possible harm to biological diversity.	<u>Article 16</u>: Activités impliquant les espèces envahissantes listées Toute activité impliquant les espèces envahissantes listées ou leurs spécimens est interdite, à moins d'en avoir reçu un permis. Le permis visé à l'alinéa premier du présent article n'est octroyé qu'après l'étude de l'impact des activités à entreprendre. <u>Article 17</u>: Devoir de lutter contre les espèces envahissantes Une personne possédant le permis visé à l'article 16 de la présente loi respecte les obligations qui y sont prescrites. Tout propriétaire d'une terre sur laquelle apparaît une espèce envahissante en informe immédiatement l'Office par écrit ou par tout autre moyen possible. L'Office prend des mesures pour contenir les espèces envahissantes, les éradiquer et les empêcher de se propager tout en réduisant leurs dommages à la diversité biologique.
---	---	---

ibyakwangirika ku rusobe rw'ibinyabuzima. <u>Ingingo ya 18:</u> Uburyo bwo kugenzura, guhagarika no kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka Kugenzura, guhagarika cyangwa kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka bikorwa hakoreshejwe uburyo bwemewe bugendanye n'ikinyabuzima bireba ndetse n'ahantu icyo kinyabuzima kigaragaye. Uburyo bukoreshwa mu kugenzura, guhagarika cyangwa kurimbura ibinyabuzima by'ibyaduka bugomba gukumira ikwirakwira ryabyo mu gihe kizaza. Ibikorwa byose byo kugenzura, guhagarika cyangwa kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka bigomba gukoranwa ubwitonzi. <u>Ingingo ya 19:</u> Igenamigambi rigendanye n'ibinyabuzima by'ibyaduka Umuntu ufite uruhushya ruvugwa mu ngingo ya 16 y'iri tegeko ategura igenamigambi rigendanye no kugenzura,	<u>Article 18:</u> Modalities for controlling, containing or eradicating invasive species Controlling, containing or eradicating an invasive species is carried out by means appropriate to the species concerned and the environment on which it is found. The methods employed to control, contain or eradicate invasive species must prevent their future propagation. All actions taken to control, contain or eradicate invasive species is executed with caution. <u>Article 19:</u> Invasive species intervention plan A person with a permit referred to in article 16 of this Law prepares an intervention plan to control, prevent or eradicate	<u>Article 18:</u> Modalités de contrôler, contenir et éradiquer les espèces envahissantes Contrôler, contenir ou éradiquer les espèces envahissantes se font au moyen des méthodes qui sont adaptées à l'espèce concernée et à l'environnement dans lequel elle est apparue. Les méthodes employées pour contrôler, contenir ou éradiquer les espèces envahissantes doivent prévenir leur propagation ultérieure. Toutes les actions entreprises pour contrôler, maîtriser ou éradiquer les espèces envahissantes doivent être exécutées avec précaution. <u>Article 19:</u> Plan d'intervention en matière des espèces envahissantes Une personne ayant un permis visé à l'article 16 de la présente loi élabore un plan d'intervention de contrôle, de
--	---	---

guhagarika cyangwa kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka, akagaragaza n'ingamba z'ikurikirana n'isuzuma ryabyo.	invasive species and incorporates a strategic, monitoring and evaluation plans.	prévention ou d'éradication des espèces envahissantes et y intègre un plan stratégique, de suivi et d'évaluation.
<u>Ingingo ya 20:</u> Ibigize gahunda y'ibikorwa bigendanye n'ibinyabuzima by'ibyaduka	<u>Article 20:</u> Content of invasive species intervention plan	<u>Article 20:</u> Contenu du plan d'intervention en matière des espèces envahissantes
Gahunda y'ibikorwa bigendanye n'ibinyabuzima by'ibyaduka igaragaza:	The invasive species intervention plan includes:	Le plan d'intervention en matière des espèces envahissantes comporte :
1° urutonde rurambuye rw'ibinyabuzima by'ibyaduka bigaragara ahantu n'ibisobanuro kuri buri kinyabuzima;	1° a detailed list of invasive species found on the concerned area and a description of each one of them;	1° la liste détaillée des espèces envahissantes apparaissant à un endroit et une description de chacune d'elle;
2° ibisobanuro by'ibice by'ahantu hibasiwe n'ibyo binyabuzima by'ibyaduka;	2° a description of parts of the area infested with invasive species;	2° la description des parties de l'endroit atteint des espèces envahissantes;
3° ikigero cy'ibyangijwe n'ibinyabuzima by'ibyaduka;	3° the extent of damage caused by the invasive species;	3° l'ampleur des dommages causés par les espèces envahissantes;
4° uburyo bukoreshwa mu kugenzura, guhagarika cyangwa kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka;	4° methods used to control, contain or eradicate invasive species;	4° les méthodes utilisées pour contrôler, contenir ou éradiquer les espèces envahissantes;
5° ibipimo byakoreshejwe mu kugaragaza uko intego zigenda zigerwaho.	5° indicators used to measure the progress of the intervention.	5° les indicateurs utilisés pour mesurer l'avancement de l'intervention.

Ikigo gikora buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa raporo ku kugenzura, guhagarika cyangwa kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka. <u>Ingingo ya 21:</u> Indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zikeneye kurengerwa Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zugarijwe mu gihugu zikeneye kurengerwa n'aho zihereye. Rigena kandi imirimo ibujijwe mu ndiri z'urusobe rw'ibinyabuzima. <u>Ingingo ya 22:</u> Uruhushya rwo kubona umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo Umuntu ushaka gutunga umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo abisabira uruhushya. Uruhushya rwo kubona umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo rukoresha na nyirarwo gusa kandi ntirushobora kwandikwa ku wundi muntu cyangwa guhererekanywa.	The Authority produces on an annual basis and whenever necessary a report on control, containing or eradication of invasive species. <u>Article 21:</u> Ecosystems in need of protection An Order of the Minister establishes a list of ecosystems that are threatened into the country and in need of protection and their location. It also determines activities prohibited in the ecosystems. <u>Article 22:</u> Permit to access genetic resources or associated traditional knowledge A person who intends to have access to any genetic resource or associated traditional knowledge applies for it. A permit to access genetic resources or traditional knowledge is exclusive and cannot be assigned or transferred to third party.	L'Office produit chaque année et chaque fois que de besoin un rapport sur les activités de contrôler, de contenir ou d'éradiquer les espèces envahissantes. <u>Article 21:</u> Écosystèmes nécessitant la protection Un arrêté ministériel établit une liste des écosystèmes menacés dans le pays nécessitant une protection ainsi que leur localisation. Il détermine également les activités prohibées dans ces écosystèmes. <u>Article 22:</u> Permis d'accès aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes Une personne qui veut accéder aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes en fait la demande. Le permis d'accès aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes est exclusif et ne peut être attribué ou cédé à une tierce personne.
--	--	---

<u>Ingingo ya 23:</u> Ibyiciro by'impushya zo kubona umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo Impushya zo kubona umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo ziri mu byiciro bikurikira: 1° uruhushya rwo gukoresha ibikorwa by'ubucuruzi; 2° uruhushya rwo gukoresha ibikorwa bitari iby'ubucuruzi. Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa mu gusaba uruhushya rwo kubona umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo n'uburyo rusabwa. <u>Ingingo ya 24:</u> Gutangaza urutonde rw'impushya zo kubona umutungo ndangakamere Ikigo gifatanyije n'izindi nzego bireba, gitangaza buri mwaka urutonde rw'impushya zo kubona umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo.	<u>Article 23:</u> Categories of permits to access genetic resources or associated traditional knowledge Permits to access genetic resources or associated traditional knowledge are classified in the following categories: 1° permit issued for commercial purpose; 2° permit issued for non-commercial purpose. An Order of the Minister determines requirements and modalities to apply for access to genetic resources or associated traditional knowledge. <u>Article 24:</u> Publication of list of permits to access to genetic resources The Authority in charge of biological diversity, in consultation with concerned organs, publishes an annual list of permits for accessing genetic resources and associated traditional knowledge.	<u>Article 23:</u> Catégories des permis d'accès aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes Les permis d'accès aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes sont classifiés dans les catégories suivantes : 1° le permis d'accès pour des fins commerciales; 2° le permis d'accès pour des fins non-commerciales. Un arrêté ministériel détermine les conditions et les modalités de demande d'accès aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes. <u>Article 24:</u> publication de la liste des permis d'accès aux ressources génétiques L'office, en concertation avec les institutions concernées, publie annuellement une liste des permis d'accès aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes.
---	--	--

<u>Ingingo ya 25:</u> Kwemera wabanje gusobanukirwa no kumvikana ku masezerano Kwemererwa gukoresha umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo, bibanzirizwa no kwemera k'ubitanze amaze gusobanukirwa no kumvikana ku masezerano akorwa hagati y'ubitanze n'ubihawe. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo gushyikirana no kwemeranya k'uwikuraho umutungo ndangakamere cyangwa ubumenyi gakondo bujyanye na wo n'ubihabwa bikorwa n'ibigomba kuzuzwa. <u>Ingingo ya 26 :</u> Ihame ryo gusaranganya inyungu Gusaranganya mu buryo bukwiye inyungu zikomoka ku gukoresha umutungo ndangakamere n'ubumenyi gakondo bujyanye na wo bigomba gushingira ku masezerano yumvikanyweho hagati y'uwukoresha n'uwawutanze. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gusaranganya inyungu zikomoka ku ikorehwa ry'umutungo ndangakamere no	<u>Article 25: Prior informed consent and mutually agreed terms</u> Any access to genetic resources or associated traditional knowledge are carried out with prior informed consent of the provider under negotiated mutually agreed terms between the provider and the user. A ministerial order determines the modalities and requirements for obtaining prior informed consent, negotiation and conclusion of mutually agreed terms. <u>Article 26: Benefit sharing principle</u> A fair and equitable sharing of benefits arising from the utilization of genetic resources and associated traditional knowledge is subject to mutually agreed terms signed between the user and provider. A Ministerial Order determines the modalities for benefit sharing arising from	<u>Article 25: Consentement préalable éclairé et termes faisant objet d'accord mutuel</u> Tout accès aux ressources génétiques ou aux connaissances traditionnelles connexes est fondé sur un consentement préalable et éclairé du fournisseur et sur les termes issus d'un accord mutuel entre le bénéficiaire et le fournisseur. Un arrêté ministériel détermine les modalités et les conditions requises pour la consultation et la procédure de négociation entre le fournisseur et le bénéficiaire des ressources génétiques ou des connaissances traditionnelles connexes. <u>Article 26: Principe de partage des bénéfices</u> Le partage loyal et équitable des bénéfices résultant de l'utilisation des ressources génétiques et des connaissances traditionnelles connexes est soumis à un accord mutuellement consenti et signé par l'utilisateur et le fournisseur. Un Arrêté ministériel détermine les modalités de partage des avantages découlant de l'utilisation des ressources
---	---	--

ku bumenyi gakondo bufitanye isano na wo. <u>Ingingo ya 27:</u> Gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga umutungo ndangakamere Gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga umutungo ndangakamere bisabirwa uruhushya. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibisabwa mu gutanga uruhushya ruvugwa muri iyi ngingo. <u>Ingingo ya 28:</u> Ububiko bw'uturemangingo ndangakamere Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho ububiko bw'uturemangingo ndangakamere bugamije kurengera no kubungabunga ibigize uturemangingo ndangakamere tw'ibimera n'utw'inyamaswa rikanagena uburyo bwo kubucunga no kubukoresha.	utilization of genetic resources and associated traditional knowledge. <u>Article 27:</u> Import or export of genetic resources Import or export of any genetic resource is subject to a permit. A Ministerial Order determines modalities and requirements for issuance of the permit referred to in this Article. <u>Article 28:</u> Gene bank A Prime Minister's Order establishes a gene bank for preserving and conserving the genetic content of fauna and flora and determines modalities for its management and use.	génétiques et des connaissances traditionnelles connexes. <u>Article 27:</u> Importation ou exportation des ressources génétiques L'importation ou exportation des ressources génétiques requiert un permis préalable. Un Arrêté ministériel détermine les modalités et conditions d'octroi du permis visé au présent article. <u>Article 28 :</u> Banque des gènes Un Arrêté du Premier Ministre établit une banque des gènes pour la préservation et la conservation des matières génétiques de la faune et la flore et détermine les modalités de sa gestion et de son usage.
--	--	--

<u>Iciviro cya 2:</u> Kubungabunga ibinyabuzima byo mu gasozi n'indiri zabyo <u>Ingingo ya 29:</u> Gukorera ubushakashatsi ahantu hakomye Ubushakashatsi bukorerwa ahantu hakomye bushobora gukorwa n'Ikigo cyangwa undi ubiherewe uruhushya. Ikigo gishyiraho amabwiriza arebana n'ubushakashatsi bukorerwa ahantu hakomye. <u>Ingingo ya 30 :</u> Gutunga, kwinjiza mu gihugu imiti cyangwa kuyikoresha ku nyamaswa cyangwa ku bimera byo mu gasozi Gutunga, kwinjiza mu gihugu imiti cyangwa kuyikoresha ku nyamaswa cyangwa ku bimera byo mu gasozi bisabirwa uruhushya rutangwa n'Ikigo. <u>Ingingo ya 31:</u> Kumenyekanisha igikanka cyangwa ikinyabuzima ndangasano cy'ikimera cyo mu gasozi Umuntu wese ubonye igikanka cyangwa ikinyabuzima ndangasano cy'ubwoko bw'ikimera cyo mu gasozi kiri ku rutonde	<u>Section 2 : Conservation of wildlife and their habitats</u> <u>Article 29:</u> Carrying out research in a protected area Research in a protected area may be carried out by the Authority or any other authorized person. The Authority provides guidelines for conducting research in a protected area. <u>Article 30:</u> Possession, introduction into the country or application of drugs on wild animals or plants Possession, introduction into the country or application of drugs on wild animal or plant requires a permit from the Authority. <u>Article 31:</u> Reporting a trophy or specimen of wild plant species Any person who finds a trophy or a specimen of protected wild plant species listed on Annex I, Annex II and Annex III	<u>Section 2: Conservation de la faune et de la flore sauvages et leurs habitats</u> <u>Article 29 :</u> Mener des recherches en aire protégée La recherche dans une aire protégée peut être effectuée par l'Office ou toute autre personne autorisée. L'Office fournit des lignes directrices pour la conduite de recherches dans une aire protégée. <u>Article 30 :</u> Possession, introduction dans le pays des médicaments ou leur usage sur les animaux et plantes sauvages La possession, l'introduction dans le pays des médicaments ou leur usage sur les animaux et plantes sauvages exige un permis octroyé par l'Office. <u>Article 31:</u> Rapporter un trophée ou un spécimen des espèces végétales sauvages Toute personne qui trouve un trophée ou un spécimen d'une espèce végétale sauvage figurant à l'annexe I, II et III, le signale et
---	--	--

ruri ku mugereka wa I, uwa II n'uwa III y'iri tegeko abimenyesha kandi akagishyikiriza umukozi ubifitiye ububasha cyangwa ubuyobozi bumwegereye.	of this Law reports and hands it over to the authorised officer or to the nearest administrative authority.	le remet à l'agent habilité ou à une autorité administrative plus proche.
<u>Ingingo ya 32</u> : Kubungabunga ibinyabuzima byo mu gasozi n'indiri zabyo	<u>Article 32: Conservation of wildlife species and their habitats</u>	<u>Article 32: Conservation des espèces de la faune et la flore sauvages et de leurs habitats</u>
Hagamijwe kubungabunga ibinyabuzima byo mu gasozi n'indiri zabyo, ibikorwa bikurikira birabujijwe:	For the purpose of conservation of wildlife species and their habitats, the following acts are prohibited:	Aux fins de la conservation des espèces de la faune et la flore sauvages et de leurs habitats, les actes suivants sont interdits :
1° gutwara cyangwa kwangiza igi cyangwa icyari by'inyamaswa zo mu gasozi;	1° taking or destroying an egg or a nest of any wild animal;	1° l'enlèvement de l'œuf ou du nid d'animal sauvage;
2° gufata, kubuza amahwemo cyangwa gukura inyamaswa mu ndiri zazo, kuzigirira nabi, kuzitwara, kuzizerereza, kuzikoresha, kuzitunga, kuzigurisha cyangwa kuzigura;	2° capturing, stressing or removing animal species from their habitat, harming them, transporting, hawking, utilising, possessing, selling or purchasing them;	2° la capture, traque ou l'enlèvement des espèces animales de leurs habitats, leur porter atteinte, les transporter, leur colportage, leur utilisation, leur détention, leur mise en vente ou leur achat;
3° kwangiza, gutema, konona, gukusanya cyangwa gukuraho ibimera byo mu gasozi, gusoroma imbuto cyangwa gutwara ingemwe zabyo, kuzitunda, kuzizererana, kuzikoresha, kuzitunga, kuzigurisha no kuzigura;	3° destroying, cutting, mutilating, collecting or removing any wild plant species, picking fruits, transporting, hawking, utilising, possessing, selling and purchasing, or seedlings or of wild plant species;	3° la destruction, la coupe, la mutilation, ou l'enlèvement des espèces végétales sauvages, la cueillette de fruits, transport, colportage, utilisation, détention, vente et achat des plants des espèces végétales sauvages ;

4° gusenya, guhindura cyangwa kwangiza indiri kamere z'inyamaswa n'ibimera byo mu gasozi; 5° kubaka ibikorwa remezo ahantu hakomye. Icyakora ibivugwa mu gace ka 2, aka 3, aka 4 n'aka 5 bishobora gukorwa bitangiwe uruhushya n'Ikigo. <u>UMUTWE WA V: IMIBANIRE HAGATI Y'IBINYABUZIMA BYO MU GASOZI N'ABANTU</u> <u>Ingingo ya 33 : Imibanire magirirane</u> Ikigo gishyiraho imirongo ngenderwaho mu kunoza imibanire hagati y'ibinyabuzima byo mu gasozi n'umuryango uturiye aho biri. <u>Ingingo ya 34: Imikoranire hagati y'Ikigo n'abafatayabikorwa</u> Ikigo, gifatanyije n'abafatanyabikorwa, giteza imbere ubufatanye bw'umuryango mu kurengera ibinyabuzima byo mu gasozi. Gishobora kandi gutera inkunga	4° destroying, altering or degrading natural habitats of wild animal and plant species; 5° erecting infrastructure in protected areas. However, the acts cited in items 2, 3, 4 and 5 may be carried out upon a permit of the Authority. <u>CHAPTER V: COEXISTENCE BETWEEN HUMAN AND WILDLIFE</u> <u>Article 33: Mutual co-existence</u> The Authority issues guidelines for mutual coexistence between wildlife and their surrounding or adjacent communities. <u>Article 34: Collaboration between the Authority and stakeholders</u> The Authority, in collaboration with stakeholders, promotes community-based conservation of wildlife. It may also support stakeholders in conservation of wildlife.	4° la destruction, l'altération ou la dégradation des habitats naturels de la faune et la flore sauvages; 5° la construction des infrastructures aux aires protégées. Toutefois, les actes dont il est question aux points 2, 3, 4 et 5 peuvent être effectués sous le permis de l'Office. <u>CHAPITRE V: COEXISTENCE ENTRE L'HOMME ET LA FAUNE ET FLORE SAUVAGES</u> <u>Article 33: Coexistence mutuelle</u> L'Office établit les directives pour la coexistence mutuelle entre la faune et flore sauvages et la communauté environnante. <u>Article 34: Collaboration entre l'Office et les partenaires</u> L'Office, en collaboration avec les partenaires, promeut la conservation de la faune et de la flore basée sur la collaboration communautaire. Il peut également soutenir les partenaires dans la
---	--	---

abafatanyabikorwa mu kubungabunga ibinyabuzima byo mu gasozi. <u>Ingingo ya 35: Gukomeretsa cyangwa kwica inyamaswa</u> Gukomeretsa cyangwa kwica inyamaswa ntibyemewe, keretse mu gihe byatangiwe uruhushya. Inyamaswa ishobora kandi kwicwa hagamijwe kwirinda cyangwa kurinda undi muntu. Kwica inyamaswa kandi bishobora gukorwa n’umukozi ubifitiye ububasha hagamijwe kuyifasha mu gihe ifite ububabare bukabije. Kugaragaza ibimenyetso byo gukomeretsa cyangwa kwica inyamaswa hagamijwe kwirinda, kurinda abandi cyangwa kuyica hagamijwe kuyifasha mu gihe ifite ububabare bukabije bikorwa n’uwayikomerekeje cyangwa uwayishe. Umuntu wica cyangwa agakomeretsa inyamaswa mu bihe biteganyijwe mu gika cya mbere cy’iyi ngingo abimenyesha urwego rushinzwe ibinyabuzima byo mu gasozi rumwegereye cyangwa sitasiyo ya polisi imwegereye, mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n’ane (24).	<u>Article 35: Wounding or killing an animal</u> Wounding or killing an animal is prohibited, unless it is authorized. An animal may also be killed in case of self-defence or defence of another person. An authorised officer may equally kill an animal by humane dispatch where the animal is found to be in severe pain. The burden of proof of wounding or killing an animal in self-defence, defence of another person or in the process of humane dispatch lies with the person who wounds or kills it. A person who kills or wounds an animal as mentioned in Paragraph One of this Article reports the incident to the nearest wildlife office or Police station, in a period not exceeding twenty-four (24) hours.	conservation de la faune et de la flore sauvages. <u>Article 35: Blessier ou tuer un animal</u> Blessier ou tuer un animal sauvage est prohibé, sauf sous couvert d’un permis. L’animal peut être tué aussi en cas de légitime défense ou défense d’une autre personne. L’animal peut également être tué par un agent habilité comme moyen de l’achever en cas de douleur intense. La charge de la preuve d’avoir blessé ou tué un animal dans un processus de légitime défense, de défense d’une autre personne ou en train de l’achever en cas de douleur intense, incombe à la personne qui l’a blessé ou l’a tué. Une personne qui tue ou blesse un animal dans les circonstances prévues à l’alinéa premier du présent article signale l’incident au bureau de la faune et la flore sauvages ou au poste de Police le plus proche, dans un délai ne dépassant pas vingt-quatre (24) heures.
--	--	--

<u>Ingingo ya 36:</u> Gukemura ikibazo cy'igihomora cyangwa inyamaswa iteje impagarara Umuntu utejwe ikibazo n'igihomora cyangwa inyamaswa iteje impagarara abimenyesha ubuyobozi bumwegereye kugira ngo bumutabare. Ikigo gishobora gufata icyemezo cyo gutanga uruhushya rwo kwica cyangwa cyo kwimura igihomora cyangwa inyamaswa iteje impagarara kibanje gusuzuma ko bikwiye no gusesengura ingaruka. Iyo uwahawe uruhushya ruvugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ingingo, yishe igihomora cyangwa inyamaswa iteje impagarara, abimenyesha urwego rushinzwe ibinyabuzima byo mu gasozi cyangwa sitasiyo ya Polisi bimwegereye, mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24).	<u>Article 36:</u> Management of a feral animal or a problem animal A person who encounters a feral animal or a problem animal informs the nearest authority for intervention. The Authority may permit to eliminate or translocate a feral or problem animal after conformity and impact assessment. Where the authorized person mentioned in Paragraph 2 of this Article kills a feral or problem animal, he or she reports the incident to the nearest wildlife office or Police station, in a period not exceeding twenty-four (24) hours.	<u>Article 36:</u> Gestion d'un animal sauvage ou dangereux Une personne qui fait face à un animal sauvage ou dangereux en informe l'autorité la plus proche pour qu'elle intervienne. L'Office peut permettre d'éliminer ou transférer l'animal sauvage ou dangereux après une étude de conformité et d'impact. Lorsque la personne autorisée conformément à l'alinéa 2 élimine l'animal sauvage ou dangereux, elle en informe le bureau de la faune et la flore sauvages ou au poste de Police le plus proche, dans un délai ne dépassant pas vingt-quatre (24) heures.
--	---	--

<u>Ingingo ya 37 : Kwishyura ibyangijwe n'ibinyabuzima byo mu gasozi</u> Kwishyura ibyangijwe n'ibinyabuzima byo mu gasozi bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 38: Gucunga indiririzi</u> Ikigo gifite inshingano yo gushyiraho urutonde rw'indiririzi n'uko zicungwa. Iyo indiririzi yashyizwe ku rutonde ifite agaciro gakomeye, Ikigo kigira inama abatuye aho iherereye ku bijyanye n'uburyo bukwiye bwo kuyicunga. <u>UMUTWE WA VI: UBURENGANZIRA KU MUTUNGO W'IBINYABUZIMA BYO MU GASOZI N'UBUNDI BURENGANZIRA BUJYANYE NA BYO</u> <u>Ingingo ya 39: Uburenganzira ku mutungo w'ibinyabuzima byo mu gasozi</u> Uburenganzira ku mutungo w'ibinyabuzima byo mu gasozi ni ubwa Leta.	<u>Article 37: Compensation for damages caused by wildlife</u> Compensation for damages caused by wildlife is governed by relevant laws. <u>Article 38: Management of vermin</u> The Authority is responsible for establishing a list of vermin and how to manage them. Where listed vermin are of value, the Authority advises the local community on its appropriate management. <u>CHAPTER VI: RIGHT TO OWNERSHIP OF WILDLIFE AND OTHER RELATED RIGHTS</u> <u>Article 39: Ownership right on wildlife</u> Ownership right on wildlife is vested in the State.	<u>Article 37 : Indemnisation des dommages causés par la faune et la flore sauvages</u> L'indemnisation des dommages causés par la faune et la flore sauvages est régie par les dispositions légales en la matière. <u>Article 38: Gestion des vermines</u> L'Office est chargé d'établir la liste des vermines et les gérer . Lorsqu'une valeur est attachée à une vermine listée, l'Office éclaire la communauté locale à propos de sa gestion appropriée. <u>CHAPITRE VI: DROIT DE PROPRIÉTÉ SUR LA FAUNE ET LA FLORE SAUVAGES ET AUTRES DROITS Y RELATIFS</u> <u>Article 39: Droit de propriété sur la faune et la flore sauvages</u> Le droit de propriété sur la faune et la flore sauvages n'appartient qu'à l'État.
--	--	---

Icyakora, umuntu ashobora guhabwa uburenganzira bwo kuwukoresha, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo umuntu ashobora guhabwa uburenganzira bwo gukoresha umutungo w'ibinyabuzima byo mu gasozi. <u>Ingingo ya 40 : Ibikanka bicungwa na Leta</u> Ibikanka bicungwa na Leta ni ibi bikurikira: 1° igikanka kidafite nyiracyo; 2° inyamaswa yapfuye, ibice byayo n'ibiyikomokaho; 3° inyamaswa yishwe mu rwego rwo kwirengera; 4° inyamaswa yishwe n'umukozi ubifitiye ububasha. Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo igikanka gitunzwe n'umuntu ku mpamvu z'indangamateka, mu gihe byatangiwe uruhushya n'Ikigo.	However, an individual may be granted a right of use, in accordance with provisions of this Law. A Ministerial Order determines modalities of granting ownership right on wildlife. <u>Article 40: State trophies</u> The following are State trophies: 1° a trophy with no owner; 2° a dead animal, its parts or derivatives; 3° an animal killed in self-defence; 4° an animal killed by an authorised officer. Provisions of Paragraph One of this Article do not apply where a trophy is kept by a person for historical purposes as may be authorised by the Authority.	Toutefois, une personne peut en obtenir un droit d'usage, conformément aux dispositions de la présente loi. Un Arrêté ministériel détermine les modalités d'accorder les droits de propriété sur la faune et la flore sauvages. <u>Article 40: Trophées de l'État</u> Les trophées de l'État sont les suivants : 1° trophée sans maître; 2° un animal mort, ses parties ou ses dérivés; 3° un animal tué en cas de la légitime défense; 4° tout animal tué par un agent habilité. Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas lorsque le trophée est gardé par une personne pour des raisons historiques et sous l'autorisation de l'Office.
--	---	---

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gucunga ibikanka. <u>Ingingo ya 41: Ubucuruzi bw'ibinyabuzima ndangasano</u> Gucuruza, gukoresha, gutunga cyangwa guhererekanya ibinyabuzima ndangasano bisabirwa uruhushya. Iyo ari ikinyabuzima kiri ku mugereka wa I n'uwa II y'iri tegeko, uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rutangwa iyo: 1° ikinyabuzima ndangasano kitazahungabanya imibereho y'ibinyabuzima; 2° ikinyabuzima ndangasano gitunzwe cyangwa cyabonywe mu buryo butanyuranyije n'iri tegeko; 3° ikinyabuzima ndangasano kizatunganywa, kizatwarwa mu buryo butagiteza ibyago byo gupfa, gukomereka, kwangirika cyangwa gufatwa nabi;	A Ministerial Order establishes modalities for the management of trophies. <u>Article 41: Trade in specimens of species</u> Trading, utilising, possessing or transferring specimens of species requires a permit. In case of species in Annexes I and II of this Law, the permit referred to under Paragraph One of this Article is granted where: 1° specimen of species is not harmful to life of species; 2° specimen of species is possessed or acquired lawfully; 3° specimen of species is expected to be processed and transported in a manner that does not expose it to death, wound, harm or mistreatment;	Un Arrêté ministériel détermine les modalités de gestion des trophées. <u>Article 41: Commerce des spécimens des espèces</u> Le commerce, l'utilisation, la possession ou le transfert de spécimens d'espèces nécessitent un permis. Dans le cas d'espèces en annexes I et II de la présente loi, le permis visé à l'alinéa premier du présent article est octroyé lorsque : 1° le spécimen d'espèce n'est pas nuisible à la vie des espèces; 2° un spécimen d'espèce soit possédé ou acquis de manière licite; 3° le spécimen d'espèce sera traité et transporté de manière à le protéger contre la mort, des blessures, des dommages ou des mauvais traitements ;
--	--	--

Official Gazette n° Special of 11/11/2021

4° kwinjiza mu gihugu ikinyabuzima ndangasano byatangiwe uruhushya. Iteka rya Minisitiri rigena ibikubiye mu ruhushya ruvugwa muri iyi ngingo n'igihe rumara. <u>Ingingo ya 42: Uburenganzira bwo gukoresha ibinyabuzima byo mu gasozi</u> Ikigo gishobora gutanga cyangwa kwambura uruhushya rwo gukoresha ibinyabuzima byo mu gasozi ku bikorwa bikurikira: 1° ubworozi bw'ibinyabuzima bwagutse; 2° gufata inyamaswa nzima; 3° gufata inyamaswa hagamijwe ubushakashatsi; 4° kugabanya inyamaswa; 5° kwica inyamaswa urobanura; 6° guhiga mu rwego rwa siporo;	4° introduction into the country of specimen of species was authorised. A Ministerial Order determines the ambit and duration of the permit referred to in this Article. <u>Article 42: Wildlife user rights</u> The Authority may issue or withdraw a wildlife use permit on the following activities: 1° game ranching; 2° live capture; 3° off-take of an animal for research; 4° cropping; 5° culling; 6° sport hunting;	4° l'introduction dans le pays de spécimens d'espèces a été autorisée. Un arrêté ministériel détermine la portée et la durée du permis visé au présent article. <u>Article 42: Droits d'usage de la faune et de la flore sauvages</u> L'Office peut octroyer ou retirer un permis d'usage de la faune et de la flore sauvages pour les activités suivantes : 1° l'élevage en ranch; 2° la capture des animaux vivants; 3° l'enlèvement d'un animal aux fins de recherche; 4° le rognage; 5° l'abattage d'animaux; 6° la chasse sportive;
--	---	---

Official Gazette n° Special of 11/11/2021

